# INTEGUZA





N°5


## UMUGORE MU MURIMO



COLLECTION

# INTEGUZA
***Ya Kristo***

## *UMUGORE MU MURIMO*




*Amagambo yakuwe mu bitabo by'Umwuka w'ubuhanuzi.*
*Ibinyamakuru by'itorero, n'inama z'abayobozi*

Copyright -2015
Deuxième impression en Kinyarwanda.

**AMASHAKIRO** **URUPAPURO**

1. Umugore mu murimo ------------------------------------------3
2. Itangiriro ry'umugabo n'umugore -----------------------5
3. Kugwa k'umuntu -------------------------------------------9
4. Inteko nkuru y' itorero ry' Abadivantiste ---------------11
5. Ni akahe kamaro k'umugore mu itorero? --------------14
6. Babyeyi murabemaso !------------------------------------23
7. Umugabo w'umunyabwenge ----------------------------26
8. Umugore w'umutima ------------------------------------ 27
9. Ibitero bya satani ku muryango----------------------------29
10. Uburinganire bw'umugabo n'umugore ------------------29
11. Umugabane w'umugore -------------------------------------30
12. Abagore batumva----------------------------------------------31

***

## UMUGORE MU MURIMO

Mu bihe bya vuba ikibazo cy'uko umugore adakwiye kuba umukuru w'itorero cyangwa umupasitoro, cyavuzweho cyane mu matorero menshi. Amatorero amwe nk' Abaluteriyani, byabateje ingorane. Ikibazo abantu bafite ni ukumva icyo Bibiliya yigisha ku buyobozi, ubuganduke n'uburinganire bw'umugabo n'umugore mu mibanire n'imikoranire.

Bamwe bumva ko kuba umugore n'umugabo bafite aho bahuriye mu *irema, bikuyeho gutandukana kwabo mu* nshingano bahawe hakurikijwe ibitsina. Ariko igikomeye abantu batitaho, ni uko gahunda yo mu Bumana Butatu bwo mu ijuru, inshingano zabo zitandukanye. Bibiliya ivuga ko umutwe wa Kristo ari Imana Data (I Abakorinto 11 : 3), kandi ko Umwana ubwe yubaha Imana Data. Niba nta kibi kiri muri iyo gahunda y'ab'ijuru, ni ikihe kibi gishobora kuba hagati y'umugabo n'umugore?

Mu Butatu bwera, Ubukuru bw'Imana Data ntibuvuze ngo Yesu ari hasi y'Imana cyangwa si yo, kuko we ubwe yivugiye ngo « Njye na Data turi umwe » (Yohana 10 : 30). No mu mibanire y'abantu ubukuru umugabo yahawe ntibuvuze ngo umugore ari hasi ye (inférieure) kuko mu gakiza bubaka umubiri umwe mu nshingano zitandukanye.

Kuba ndi umugabo wahamagawe n'lmana nk'umuyobozi w'umuryango, ntibinshyize hejuru y'umugore ngo mukandagire. Kuba inshingano z'umugabo n'umugore zitandukanye, ntaho bihuriye n'ubusumbane; ahubwo zitandukanye kugira ngo zuzuzanye mu ngo no mu itorero.

Inyongera : 1 Abakorinto 12: 12-19 : Abagize umuryango ( umugabo, umugore n'abana) bose bagize umuryango umwe ni umubiri wa Kristo. Ku busumbane nta rugingo rusumba urundi, kuko buri rugingo rufite inshingano yihariye n'urundi iyarwo, maze zikuzuzanya zikorera umubiri umwe. Niko no mu ngo, mu itorero bikwiye kugenda. Umutima ntiwabwira umutwe ngo reka ndeke guhumeka nanjye ntekereze nyobore umubiri, cyangwa umutwe ngo sinshoboye

gutekereza reka mpumeke umutima unsimbure (uretse ko ngo mu bantu bishoboka!) ibyo ntibishoboka; kuko buri rugingo rw'umubiri ( itorero) Imana yarugeneye inshingano yarwo, ngo zuzuzanye. Nizikora bimwe se umubiri (itorero) riramera rite?

Umugabo n'umugore bombi baremwe muri kamere imwe n'Imana bafite agaciro imbere y'Imana ariko bagenerwa inshingano zitandukanye: umugabo yagenewe inshingano y'ubutware (Headship) n'umugore agenerwa iy'ubufasha (Submission). Ntacyo tugomba kuvugira hanze y'ukuri kw'ibyanditswe byera.

Bamwe baribaza bati: None se hari icyo umugore yakora mu itorero? Yego rwose, ahubwo umugore afite inshingano zikomeye mu itorero, itorero ritamufite ibintu ntibyagenda neza, byazamba bikadogera. Ahubwo iyo ubaza uti mbese umugore yemerewe gukora mu buyobozi nk'umukuru w'itorero cyangwa umupasitoro? lgisubizo kirasobanutse : mu Byanditswe Byera uvuye mu Isezerano rya Kera kugera mu Rishya, umugore ntiyemerewe kuba umutambyi, umukuru w'itorero cyangwa umupasitoro. Si uko bari hasi y'abagabo ( inferior) cyangwa badashoboye nkabo, ahubwo ni uko iyo nshingano y'ubukuru (elder) yagenewe Papa mu by'umwuka ( Spiritual Father); naho inshingano y'ubufasha mu by'umwuka yagenewe mama (Spirtual Mother). Ni uko rero Ibyanditswe Byera bivuga ko umugabo n'umugore bahamagawe n'Imana kuyikorera mu ngo no mu itorero mu nshingano zitandukanye kugira ngo zuzuzanye. Izi nshingano zitandukanye mu ngo no mu itorero kuko itorero ari ihuriro (extension) ry'imiryango y'abana b'Imana mu by'Umwuka Abefeso 2: 19; I Timoteyo 3: 15; I Petero 4: 17; Abagalatiya 6: 1O.

**ITANGIRIRO: UMUGABO N'UMUGORE**

Uburyo bari bangana kandi batandukanyc mbere yo kugwa:

Itangiriro :26,27 : « Imana iravuga iti tureme umugabo (man) agire ishusho yacu ase natwe ... Imana irema umugabo (man) ngo agire ishusho yayo ... umugabo n'umugore ni uko yabaremye ». iri somo rivuga ibyo kuremwa k'umuntu, umugabo yasubiwemo inshuro ebyiri, bashaka kuvuga umugabo n'umugore. Bwa mbere dukoresheje ururimi rw'Igiheburayo umugabo ni (man kind,humanity) ahagarariye ikiremwa muntu. Bwa kabiri umugabo akavugwa nk'uwari uhagariye umugabo n'umugore (couple) nk'uko bavuga mu Itangiriro 5 :1,2 « ku munsi Imana yaremyeho umuntu afite ishusho y' Imana umugabo n'umugore niko yabaremye, ibaha umugisha ibita umugabo (man) ... ».

Hari abavuga ngo impamvu umugabo ariwe washyirwaga imbere mu gihe cy' Abayuda, ngo wari umuco wabo gusa. Mhu ! ! Ni nka ba bandi ngo isabato yari iy' Abayuda ! Siko biri, kuko umuryango w' Abayuda utarabaho, umugabo niwe wari uhagarariye umuryango w'Imana (abagabo, abagore n'abana). Iyo Imana itarahayeumugabo ubwo burenganzira bwo guhagararira abantu, mu Itangiriro 1:26,27 ;5 : 1,2, ntiba yarakoresheje umugabo inshuro ebyiri zose, ahubwo iba yarakoresheje ijambo ritagira aho ribogamiye (neutre) ritagira icyo rigaragaza ku bitsina, ikavuga (person) umuntu gusa. Muri aya masomo atanzwe haruguru, Paulo avuga ko umugabo ari ishusho n'ubwiza bw'Imana; naho umugore ari ishusho n'ubwiza bw'umugabo we.

ljambo kuganduka k'umugore, ntabwo muri Bibiliya ryakoreshejwe mu buryo butaribwo bamwe barivugamo ko ari, guhatwa, gusuzugurwa cyangwa gucishwa bugufi ; ahubwo ni mu busobanuro bwaryo bw'ukuri ko ari ugukenera undi muntu ngo akuyobore kandi akurinde ( direction and protection ).

Hari impamvu enye zigaragaza uburyo umugabo ariwe wahawe ubutware, umugore akaba umufasha :

- Uburenganzira bw'umugabo mu irema. *(Itangiriro 2: 7, 22)*
- Uburyo umugore yaremwe akuwe mu mugabo *(Itangiriro 2: 21 22)*
- Umugabo ni we wise izina umugore, mbere na nyuma yo kugwa. *(Itangiriro 2 : 23 ;3 : 20)*
- Umugore yaremwe nk'umufasha w'umugabo *(Itangiriro 2: 18 - 20)*.

**1. Uburenganzira bw'umugabo mu irema (ltangiriro 2: 7, 22)**

Nk'uko twabibonye mu magambo yabanje, hari Ubutatu bwera bw'Imana bungana mu bwiza, ariko butandukanye mu mirimo yabwo: Data wa twese ni Umuyobozi, Umwana yumvira Data wa twese, Umwuka wera abumvira bombi. Izo nshingano zabo zitandukanye ntizikuyeho ko bose ari Imana zihuje imbaraga n'ubwiza (antological Trinity). Kuba Umwana yubaha Data wa twese ntibivuzeko ari hasi ye (inferior). Uko niko bikwiye kumera no mu muryango w'abantu. Umugabo ni umuyobozi umugore amugandukire, abana babubahe bombi. Ibyo ntibivuze ko hari uhejwe ku gakiza, hose ni abantu Imana yakira kimwe ku nshingano zabo.

Ubusobanuro bw'Umwana w'imfura, tubureba duhereye mw'irema. Umwana w'imfura mu isezerano rya kera n'irishya, uretse guhabwa inshuro ebyiri z'abandi ku bya se, niwe wafataga ubuyobozi bw'umuryango, ise amaze gupfa.

Mu *(Abakolosayi 1 : 15 - 18)* Paulo arahera aho ngaho yerekana ko Kristo ari : Ishusho y'Imana, imfura mu byaremwe, isoko y'ibyaremwe, umutwe w'itorero.

Ibi byose kuri Yesu, ni uko ari imfura. Paulo ahera aho ngaho avuga ko Adamu nawe nk'uwaremwe mbere y'abandi ni nawe wahawe ubuyobozi bwabo. Akomeza avuga ko uko ari ko Imana yahamagariye abagabo ubutware kuruta abagore. Keretse niba ubutumwa bwa Paulo wari uyobowe n'lmana tubwemera igice, ubwo tudashaka tukabuhakana. *(Imigani 30 : 6)*.

Inyongera: Na none twibuke ko umugabo yahawe ubutware umugore atarabaho, we yabayeho nk'umufasha. Iyo tuvuze

ko umukuru w'itorero ari umutware, hari abatabibona ; bakavuga ko mu by'umwuka nta butware bubamo : nyamara dusomye *( 1 Timoteyo 5 : 17)* ngo : « Abakuru b' itorero batwara neza batekerezwe ko bakwiye guhabwa icyubahiro inshuro ebyiri, » *(1 Abakorinto 11 : 10)* « Ni cyo gituma umugore akwiye kwambara ku mutwe ikimenyetso cyo gutwarwa kubw'abamalayika. » *(1 Petero 3 : 6)* « Nkuko Sara yumviraga Aburahamu akamwita umutware we. Namwe muri abana b'uwo niba mukora neza ... »

**2. Uburyo umugore yaremwe akuwe mu mugabo.**

Ihame ryo gutwara no kuganduka ryatangiye mu irema ry'adamu na Eva, bikanagaragazwa n'uburyo barernwe. Imana yabanje Adamu nyuma Eva. Ntabwo bombi baremwe mu gitaka igihe kimwe. Umugabo si we wavuye mu mugore ahubwo umugore ni we wavuye mu mugabo.

Kuba umugore yararemwe mu rubavu rw' umugabo bivuzeko umugore akwiye kuba hafi y'umugabo ngo uwo mugabo amukunde kandi amurinde. Abantu bose ndetse na Eva arimo, bafite isoko imwe ni umugabo witwa Adamu ari nawe uhagarariye ikiremwa muntu. *(Abaroma 5 : 12 ,* 1 Abakorinto 15 : 22. *Abakolosayi 1 : 15 - 18).* Umwana akwiye kubaha ababyeyi be kuko aribo akomokaho ; niko na Eva yagombaga kubaha Adamu kuko ariwe akomokaho,

**3. Umugore yaremewe kuba umufasha**

*Itangiriro 2 : 18),* kuba umugore yararemwe nk'umufasha bitwibutsa ko umugore ashinzwe kunganira umugabo kuko bari umwe Muri *(Zaburi 54: 4; 22: 11)* havuga Imana nk'umufasha w'abantu. Yesu yaje nk'umufasha w'abantu, wo kugeza ku kiremwa muntu ibyo gikeneye, ariko ibyo ntibyamutesheje agaciro ngo abe atari Imana. Bityo, kuba umufasha ntibitesheje agaciro.

Dore uko Paulo asobanura *Itangiriro 2 : 18* mu *Abakorinto 11 : 9)* ngo umugabo siwe waremewe umugore, ahubwo

umugore ni we waremewe umugabo. Muri gahunda y'Imana kuvuga ngo umugore agandukire umugabo, ntibivuze kuba imbata cyangwa uwo gushyirwa hasi. Mu muco w'ab'i Korinto rero bo ikimenyetso cyo kuganduka kw'abagore kwari ukwambara igitambaro mu mutwe, *(1 Abakorinto 11 : 13 - 15).* Guhakana ijambo ry'lmana ku busobanuro Paulo atanga kuri iyi ngingo, uba ushatse gutesha ijambo ry'Imana agaciro, winjizamo ibyiyumviro byawe, uko ubibona.

**4. Umugabo ni we wise umugore izina mbere na nyuma yo kugwa.**

Mu *(Itangiriro 2: 23)* tuhabona uburyo umugore amaze kuremwa mu rubavu rw'umugabo nk'umufasha we, umugabo niwe wamwise izina « azitwa umugore kuko yakuwe mu mugabo ». Mu *(Itangiriro 3 : 20)* nyuma yo kugwa, na none umugabo ni we wise umugore izina , amwita Eva. Muri Bibiliya umuntu wita izina niwe uba afite ubutware.

Umugabo n'umugore bafite uko bangana n'uko batandukanye: bangana kuko bombi baremwe ku ishusho y'Imana ariko batandukanye ku nshingano bahawe.

Imikoranire ya Data wa twese na Yesu Kristo, bidufasha kumva uko umugabo n'umugore bakwiye gukorana : Mu ruhande rumwe Yesu aravuga ati : « Njye na Data turi umwe » *(Yohana 10 :30)* akomeza agira ati: « Umbonye aba abonye Data » *(Yohana 14: 9).* Mu rundi ruhande Yesu ati : « Ntacyo mbasha gukora ubwanjye... ahubwo nkurikiza iby'Uwantumye ». *(Yohana 5 : 30)* akomeza agira ati : « Data aranduta » *(Yohana 14: 28)* Yesu ni Imana mu buryo bwuzuye *(Yohana 1 : 1, Abakolosayi 1 : 15- 20),* ariko na none ngo umutwe wa Kristo ni Imana Data wa twese *(1 Abakorinto 11: 3: 15: 28).* Ihame ryo kuganduka rigaragara ku mugore agandukira umugabo. Umugabo yahamagariwe kuba umutware w'umubiri umwe (umugabo n'umugore).

## KUGWA K'UMUNTU

Ikosa rya Adamu ni uko atakoresheje inshingano yahawe yo kuyobora Eva ngo atagushwa n' inzoka ; na Eva na we yakosheje ko atumviye, kuko yagombaga kuba iruhande rw'umugabo. Icyaha ni uko umugabo n'umugore batumviye Imana ntibubahirize inshihgano bahawe.

Eva niwe wabanje gukora icyaha; ariko wakwibaza impamvu Imana yaje ibaza Adamu *(Itangiriro 3: 9)?* Na none umuntu yakwibaza impamvu mu *(ltangiriro 3:* 7) havuga ko umugabo amaze kurya itunda aribwo bambaye ubusa. Kubera iki Paulo yakomeje Responsabilite ya Adamu, ubwo yandikaga mu *(Abaroma 5 : 12)* ngo « icyaha cyazanywe mu isi n'umugabo umwe cyangwa couple imwe? Kuki Kristo agereranywa na Adamu wa kabiri, ntagereranywe na Eva wa kabiri ? Igisubizo kuri ibi kiroroshye : Imana yageneye umugabo ubutware.

Adamu na Eva bambaye ubusa ari uko Adamu amaze kurya ku itunda, kuko Eva yaje yaririye atambaye ubusa. Niko no ku rupfu bimeze: mu kugenda Imana igenera buri muntu igihano, Eva ntiyahanwe gupfa, apfa kuko umugabo yahanwe ko azasubira mu butaka natwe twese dutyo. Nuko rero tumenye ko igihe Eva yanze kuyoborwa na Adamu, yaguye.

Ku byerekeye Debora wari umucamanza w'abasirayeri mu gihe abagabo bari mu ntege nke, mu *(Abacamanza 4: 4-5)* tubona ko Debora ariwe mucamanza utarabaye umugaba w'ingabo, kandi yaciraga imanza munsi y'umukindo bakamusanga aho. Ntiyakoreraga mu ruhame nk'abandi. Ibi bitwereka uburyo yahagurutse atariwe wagombye gufata iriya nshingano *(Abacamanza 5:* 7). Na none Debora mu gihe cye yubahaga abagabo nubwo bari mu ntege nke *(Abacamanza 4 : 9).*

Mu gihe cy'ubutambyi bw'abasirayeri, Imana yatoranije umuryango wa Lewi ngo ujye uvamo abatambyi ; Lewi ntiyabyaye abahungu gusa yari afite n'abakobwa ; ariko nta mutambyi w'umugore twigeze twumva. Impamvu ni uko ubutambyi bwari

Inshingano y’uhagarariye umuryango w’Imana n’uhagarariye Mesiya wari kuzaza(Kubara 3:12,13).

Umubwiriza umwe w'umudamu witwa Clarence J. Vos yaravuze ati « si inshingano y'umugore kuba umutware mu by'umwuka; ubusanzwe ni inshingano y'abakurambere b'abagabo bakuriye imuryango ».

Abasomyi bamwe b'ubu bibaza impamvu mu *(1 Abakorinto 11 : 8, 9)* Paulo yavuze ko abagore bakwiye gutwikira umutwe nk'ikimenyetso cyo gutwarwa. Urufunguzo rwo kumva ayo magambo ruboneka mu (Abakorinto 11 : *3)* « Ariko ndashaka ko mumenya ko umutwe w'umugabo ari Kristo, urnutwe w'mugore ni umugabo, umutwe wa Kristo ni Imana Data. Bityo rero kugandukira umugabo k'umugore si umuco wihariye, ni uwabubaha Mana bose.

Kuva mu irema inshingano zatanzwe hakurikijwe ibitsina : umugabo yahamagawe gukora nka Data n'umugore yahamagawe gukora nka Mama. Ikiri ukuri mu muryango ni ukuri no mu itorero. Impamvu y'icyo ni uko muri Bibiliya, itorero ni ukwaguka kw'imiryango y'abana b'Imana. Ntabwo bitandukanye rero. Tubitandukanije se, twavuga ko mu muryango ari mu bupagani umugabo ari umutware umugore akaba umufasha, twagera mu itorero ho mu by'umwuka bombi bakaba abatware? Siko biri, umuryango ni itorero rito.

Mu rwibutso n'integuza havuga ngo « Igihe abagore n'abakobwa bazahabwa ubutware mu idini no muri Leta, kizaba ari ikimenyetso ko Yesu yaje. » Ababikora rero ubwo ni uko bimeze, barasohoza ubuhanuzi. Nyamara umuntu yabagira inama:

- *Ministère evangelique P. 308* « Niba hari ingingo runaka tutumva neza, twibaze ngo Ibyanditswe biyivugaho iki ? »
- Mu *urwibutso n'integuza yo kuwa 08/10/1861* ngo « Bibiliya niyo muyobozi wacu . Bibiliya n'umwuka w'ubuhanuzi niyo nkingi yo kwizera kwacu n'icyo Yesu ashaka kutwigisha. » Twareba niba tuyoborwa n 'inama z'abantu cyangwa ibyanditswe byera. Mbifurije kubaha Imana, amahoro yayo abane namwe.

Byateguwe n'inararibonye, umwe mu bayobozi bakuru b'itorero Ryacu muri General Conference Dr. Philosophe Samuele Bacchiocchi ari na we mwigisha ushinzweTheology n'amateka y'itorero muri Université ya Andrews: 4990 Appian Way Barrien Springs, MI 49103
Phone (616) 471-2915; Fax(616)471-4013
website: www.biblicalperspectives.com

**** *** **

## INTEKO NKURU Y'ITORERO RY'ABADIVENTISTE

Mu kwezi kwa Nyakanga 1990 inteko nkuru rusange y'itorero ry' Abadiventiste b'umunsi wa 7, yize ku kibazo cyo kwereza umugore inshingano mu murimo w'ubugabura. Abantu 1173 barabyanze naho 373 bo barabyemera ariko ababa bake ntibyemerwa. Dore zimwe mu mpamvu batanze zatuma umugore aterezwa inshingano:

***1. Icyo irema ritwigisha:***

Gahunda y' irerna irasobanutse neza ni nayo gahunda Paulo atanga nk'uko iboneka mu 1 Timoteyo 2:12-14. Yafashe gahunda na mode y'irema nka gahunda ya Bibiliya ku isano iri hagati y'abagabo n'abagore. Umugabo niwe watwaye bwa mbere, mbere na nyuma yo kugwa. Kuva mbere hose umugabo niwe wahawe ubuyobozi na Eva ahabwa kunganira no gufasha. Eva yacumuye igihe yari yavuye kuri Adamu, yifatira ibyemezo batari kumwe. Kwereza umugore ubugabura, bizakuraho gahunda y'irema n'ubutware mu rugo no mu itorero. Ibyo bizazambya gahunda y' Imana ku bagabo no ku bagore.

***2. Icyo twigira mu butumwa bwiza:*** Biragaragara ko Imana yahisemo umuco w'abakurambere kugira ngo itwigaragarize. Yesu, muri we arimo ubumana bwose bwuzurira ( *Abakolosayi 2:9 ),* yaje mu isi nk'umugabo, si nk'umugore. Ni umuhungu w'Imana si umukobwa w'Imana. Yigishaga abigishwa be kwita Imana Data si mama.

Nubwo yashenye imihango myinshi y'Abayuda, ariko ntiyatoranije umugore mu ntumwa ze. Kuba Yesu yaratoranije abagabo nk'intumwa ze byerakana ko no mu isezerano rishya ari ubushake bw' Imana ko baba abayobozi b'itorero. Abagore bafite kubunganira gusa.

**3. *Icyo Paulo atwigisha:*** Paulo avuga mu 1 Abakorinto ko umutwe w'umugabo ari Imana, naho umutwe w'umugore ari umugabo we. Iyo gahunda y'umuryango niyo y'itorero. Mu itorero no mu rugo inshingano y'umugore igarukira ku gufasha, kwita ku bintu, no gukora. Umugore ntiyagombaga kugira inshingano y'ubuyobozi. Paulo abona umugore nk'umufasha mu murimo w'ubutumwa. Yabwiye abagore b'i Korinto uko bazajya bambara bagiye guhanura cyangwa se kwigisha. Ariko mu gice cya 14, abwira abagore ko bagomba guceceka. Mu rwandiko rwa mbere yandikiye Timoteyo, yamubwiye ko atagomba kwemerera abagore gutegeka. Uko byagenda kose Paulo yemerera abagore kwigisha ariko ntabemerera gutwara abagabo. Kweza abagore mur'iy'isi ya none byatuma bikuza ku bagabo, kandi binyuranye na gahunda ya Bibiliya.

**5. *Icyo Ellen White atwigisha:*** Ellen White ntiyigeze arambikwaho ibiganza ( kwerezwa inshingano ). Ntiyigeze yigisha ku isabato mu gitondo, iyo umugabo we yabaga ahari. Ntiyigeze ashyigikira mu nyandiko cyangwa mu magambo icyifuzo cya Generale conference yo mu 1881 cyo kweza abagore bize. Nubwo yahawe kurwanya kutavuguruzwa n'umwuka wa gitegetsi, ntiyihuje n'abashakaga gutorwa k'umugore. Nubwo yahatiraga abagore kujya mu murimo w'itorero, ariko inyandiko ze zisaba ko inshingano y'umugore iba iyo kwiga Bibiliya, kwita ku bintu, no kwigisha aho gufata ubupasitoro, n'ubutware bw'itorero.

**6. *Imico ikomeye iranga Imana:*** Ibintu bikomeye biranga Imana yo mu byanditswe n'bubasha bwayo no guhuza kwayo. Irinda kandi ikayobora ubuzima bw'ubwoko bwayo. Niyo itegekesha isi n'ijuru gahunda. Niyo iha abagabo ubutware ku bagore no ku itorero kugira ngo bafate ,ibyemezo bayobore. Imana yo mu byanditswe niyo muyobozi w'ahantu hose. Uko yari iri ejo n'uyu munsi ni iby'iteka

ryose. Mu bwami bwayo abantu bose bafite inshingano zisobanutse neza. Buri muntu wese uyizera azi icyo aricyo n'icyo agomba gukora.

7. ***Isano iri hagati ya Bibiliya n 'umuco:*** Kubwo kurinda ubutumwa bwayo, Imana yatoranije kandi ishyiraho umuco inyuzamo ubushake bwayo ngo bugereku bantu. Ibihe bimwe byatoranijwe kandi bisobanutse neza, bigaragaza Imana mu muco tubona mu byanditswe byera. Guterana, koza ibirenge, umubatizo, ni urugero rw'imico ya kera igifite agaciro n' ubu nk'igihe yandikwaga. Iracyatanga ukuri nubwo hashize imyaka myinshi. Kuki inshingano z'umugabo n'umugore zo tutazisobanukirwa ? Iyo Imana ibishaka yari gusaba Mose gutorera abagore ubutambyi mu bana b'Isirayeri. Iyo Yesu agira cyo gitekerezo yari gutora abagore, akabagira intumwa mu muryango wabo. Paulo ahumekewe n'Umwuka w'Imana yari guha abagore inshingano zihwanye n'iz'abagabo mu itorero ry'i Korinto. Ubusumbane mu muryango hakurikijwe ibitsina ni impano y'Imana kugira ngo turwanye kwikubira kandi dushyireho gahunda mu muryango no mu mibanire y'abantu. Kudahindagura gahunda y' inshingano zisobanutse neza abantu bafite, bituma umuntu amenya icyo agomba gukora kuri gahunda.

8. ***Ese twakora iki igihe Bibiliya icecetse ? :*** Bibiliya ni ihishura ry'ijuru ku Mana n'ubushake bwayo: Iduha umucyo wose dukeneye. Igihe Bibiliya itagize icyo itubwira ku kintu itorero rigomba kubigiramo ubwitonzi bukomeye. Ntacyo rigomba gukora kitari ukuri kwa Bibiliya. Kwiga amahame ya Bibiliya bisaba ubishishozi ku byanditswe byera n'umucyo ku nyandiko zikomeye hifashishijwe izindi. Nubwo Bibiliya ishyigikiye ko abagore bakora mu itorero, ariko ntabwo yemere ko umugore yerezwa umurimo.

***9. Byagenda bite umugore yerejwe umurimo ? :***Itorero ni umuryango Wa gikristo, wahawe ububasha bwo kwigisha ijambo ry'Imana hafi na kure.Kweza ni ikimenyetso cyo gutora umuntu ngo yigishe ijambo ry'Imana kubw'ububasha bw'itorero.Ni nabwo bubasha bwo kuvugira Imana n'itorero; gukora no kuzuza inshingano itorero ribona ko ari ingenzi mu murimo wayo.

Mu kweza abagore, itorero riba rigiye kure y'Ibyanditswe. Kweza abagore ni ugutera inkunga kwiroha kw'indi myizerere ishobora gufatwa nk'aho yemewe n'umuco, bikezwa nk'uko isabato n'ubukwe byera. Kweza abagore bikingurira urugi kwemera amahame atari aya Bibiliya ku bintu binyuranye, nko gutandukana kw' abashakanye, gutingana kw' abagabo .... Amateka yo kweza abagore yerekana ko byateje kwitandukanya mu bantu, bizana ibibazo ku matorero yabyakiriye.

Byakuwe mu kinyamakuru cy'itorero ry' Abadiventiste cyitwa " ***Dialogue, Vol.II N° 2. 1990.***

*** *** ***

## NI AKAHE KAMARO K'UMUGORE MU ITORERO ?

Dusoma muri *Yoweli 2: 28,21* « Nzasuka Umwuka Wanjye ku bantu bose abahungu n'abakobwa banyu bazahanura ... ». Iri somo ritwereka ko abahungu n'abakobwa bose basukirwa Umwuka wera bazahanura nta gutoranya. Umuntu wahanuraga yitwaga umuhanuzi. Iyo dusomye Ibyahishuwe *19: 10* ngo ndi imbata mugenzi wawe kandi ndi mugenzi wa bene so bafite guharnya kwa Yesu Imana abe ariyo usenga. Kuko guhamya kwa Yesu ari umwuka w'ubuhanuzi. » Tubona ko guhamya kwa Yesu ari ijambo ry'Imana cyangwa arnagambo yo mu bitabo by'umwuka w'ubuhanuzi. Aha hatwereka ko abahungu n'abakobwa bayobowe n'Umwuka w'Imana bashobora guhanura no kwigisha ijambo ry'Imana nta mupaka

Iyo turebye mu ivuka ry'itorero ry'intumwa mu Byakozwe n'intumwa 1:14;2:4-18, abagabo n'abagore bagera ku ijana na makumyabiri bari mu cyumba cyo hejuru bakomeje gusenga n'umutima uhuye maze iryo teraniro umwuka wera abuzura bose batangira kuvuga ubutumwa. Nk'uko itorero ryatangiye, abagabo

n'abagore buzuye Umwuka, bakwiye no guhaguruka no muri iki gihe bagasenyera umugozi umwe bubatse ku rutare rukomeza imfuruka bakabwiriza ubutumwa mu mbaraga ikomeye.

Uyu Mwuka wera uhagurutsa abagabo n'abagore ngo bamukorere imirimo, atanga impano zitandukanye kuri bose. Dusomye mu 1 Abakorinto 12, tuhabona impano zitandukanye :

- Guhanura
- Kwigisha
- Gukiza indwara
- Gukora ibitangaza
- Gusobanura imyuka
- Kuvuga indimi n'ibindi

Ndashima cyane abayobozi b'itorero ryacu bibuka gukangurira abagore n'abari uyu murimo uheruka; kuko mu bigaragara bari barasinziriye ku murimo w' ibwirizabutumwa hamwe n'abagabo twese, Nkaba mboneyeho kwibutsa abari n'abagore bose ko bakwiye kwinjira mu murimo. Kuko arimo tuzerezwa tukahongererwa imbaraga. Nyabuna mugore, wigira isoni zo guhamya Umwami wawe, kuko twakererewe kumutebutsa.

Uzahamye hose ubonye uburyo, mu guhanura niba ariyo mpano wahawe, ntaho uhejwe. Ese uzafata ikibwirizwa? Uzakoresha amavuna ? Uzigisha mu materaniro ? Cyangwa uzagenda urugo ku rundi ; mu mataxi n'aho hose ukora? Rangurura, isi yose yakire inkuru nziza ku bwacu. Wowe uriyicariye gusa ngo sinzi impano yanjye ! Eh ! Eh ! Eh! Wamenya ute uko imodoka iteye utayirimo? Injiramo urabimenya. Gerageza impano zose uramenya iyo wagenewe; impano ushoboye nizo zawe. Naho nukomeza kwicara, « ingingo zidakora ziramugara » kandi nutagira icyo umara mu itorero ry'Imana, nta nicyo wazamara mu muryango wo mu ijuru. I. *Abakorinto 14 : 12.*

"Buri mugabo na buri mugore bafite umurimo bagomba gukorera Uwiteka. Kwezwa kumuntu ku giti cye ku Mana no gutunganywa biherekejwe n'uburyo bworoheje bizagira imbaraga

Nyinshi. Hari umurima mugari ku bagore no ku bagabo. Bashiki Banjye Imana irabahamagarira gukora mu isarura no gutera inkunga Itunda ry'Imiba'' ***kubwiriz'ubutumwa, p.426.,430***

« I yo hari umurimo w'ingenzi ugamijwe gukorwa, Imana itoranya abagabo n'abagore ngo bawusohoze kandi hazaba igihombo gikomeye nibadakoresha impano zabo ngo bunganirane. » ***Kubwiriz 'ubutumwa, p. 422.***

« Yebaye ahari umugore umwe gusa hari abagore 20 bashishikajwe n'umurimo, abantu benshi bakwihana. Uruhare rw'abagore b'abakristo rurakenewe mu murimo ukomeye wo kubwiriza ukuri. » ***Urwibutso n'integuza, 02, Mutarama, 1879.***

« Igihe abagore b'abizera bazumva neza umutwaro uremereye wo gukiza imitima n'uw'ibyaha bya bagenzi babo, bazakora nk'uko Kristo yakoze. Bazumva ko nta kundi kwitanga gukomeye nko gukiriza Yesu imitima. » ***Kubwiriz'ubutumwa, P.419,420.***

« Dukeneye cyane abagore bejejwe n'Umwuka, bameze nk'intumwa z'ubuntu bw'Imana, ngo basure ababyeyi n'abana mu miryango yabo ... » ***Umurimo w'ubugiraneza, p. 146.***

« Abagore b'abizera b'abanyabwenge bazakoreshereza impano zabo inyungu zikomeye. ... Abagore n'ababyeyi ntibakwiriye kwirengagiza abagabo n'abana babo ; kandi bashobora kugira ibindi bakora batirengagije inshingano zo mu rugo ... » ***Umurimo w 'ubugiraneza, p. 164.***

« Aho bishoboka, umubwiriza butumwa n'umugore we bakunde kujyana kenshi, kuko umugore ashobora gukorera iruhande rw'umugabo we, agakora umurimo w'ingenzi. Ashobora kujya asura mu miryango kandi akajya yegera abandi bagore ngo abafashe mu buryo butashobokera umugabo. » ***Kubwiriz'ubutumwa, p.441***

« Dushobora gukorera Imana umurimo w'ingenzi, tubishatse. Umugore ntiyita ku bushobozi Imana yarnuhaye.... Hari umugarnbi wo hejuru ku mugore ; yateganirijwe ibyiza. Umugore yagombye guteza imbere no gukungahaza ubushobozi bwe, kuko Imana yabukoresha mu gukiza imitima igiye kurimbuka by' iteka. » ***Ibihamya, vol.4. p.642.***

« Umurimo mukora wo gufasha bashiki bacu kuzirikana inshingano zabo imbere y'Imana, ni umurimo w'ubugiraneza kandi w'ingenzi wakerenshejwe igihe kirekire. Kuva ubu rero, uwo murimo ujye ukorwa ushimikiriwe mu buryo bworoheje no muri gahunda. Turifuza ko aho gusuzugura imirimo yo mu rugo, yakorwa igatanga umusaruro mwinshi. Uwiteka arashaka ko duha agaciro umutima w'umuntu ku batabikora.» ***Kubwiriz'ubutumwa, p.415.***

" Hari ahantu benshi mu murimo w'Imana bashiki bacu bagira umurimo kuruta bene Data kandi bakahakora umurirno ukomeye." ***Umurimo w'ubugiraneza, p.147.***

« Bashiki bacu bashobora gukora umurimo ukomeye bifashisha udutabo twacu kuko bizababafasha kugeza umucyo ku bantu benshi, » ***Urwibutso n'integuza, 10,Kamena, 1880.***

« Bashiki bacu bashobora kugira umumaro bandikira abantu babonye udutabo twacu, kugira ngo bamenye uko bahagaze. Dukeneye abagore bamaramaje bumva neza ko turi mu minsi ya nyuma kandi ko dufite ubutumwa bwa nyuma bwo kuburira isi. Nimukomeza umushyikirano wanyu n'Imana, nibwo muzanesha mu murimo muzaba mwiyemeje gukora. Abantu nkabo nibo Imana ishobora gukoresha mu murimo wayo.... Bashobora gukora mu buryo bunyuranye umurimo wo gutanga udutabo ( brochures ). » ***Urwibutso n 'integuza, 19, Ukuboza, 1878.***

« Iyo babishaka, amagana menshi ya bashiki bacu baba bari ku murimo uyu rnunsi. Bagombye kwambara, bakambika n'abana babo mu buryo bworoheje, bw’isuku n’imyenda ikomeye itariho imitako maze bagakoresha igihe cyabo bapfusha ubusa mu murimo wo kubwiriza ubutumwa. Bashobora kwandikira inzandiko inshuti za

kure. Bashobora guteranira hamwe baganira uburyo bwiza bwo gukora. Birumvikana bashobora gushyira amafaranga ku ruhande yo gutura Imana no kugura udutabo n'utunyamakuru bazohererereza inshuti zabo. Abagore badafite icyo bakora uyu munsi, bakwiye kwinjira mu murimo. » ***Urwibutso n 'integuza, 12, Ukuboza, 1878.***

Muri uyu murimo twahamagariwe na none, reka turebe uko Bibiliya isobanura inshingano mu itorero cyane cyane twibanda ku kibazo mwabajije cy'umukuru w'itorero.

Itangiriro 2 : 18-25. Mu gihe cy'irema Imana irema umugabo, abaho; ngo Imana ibona ko akwiriye UMUFASHA, imuremera uwo mugabo yiyitiye umugore, kuko akomotse muri uwo mugabo. Iri somo ritwereka ko umugore ari umufasha w'umugabo yaremewe.

Kuri iyi ngingo turiho, turebe mu *1 Abakorinto 11 :8-9* ngo « Kuko umugabo atakomotse ku mugore ahubwo umugore ari we wakomotse ku mugabo. Kandi umugabo ntiyaremwe kubw'umugore, ahubwo umugore ni we waremwe kubw'umugabo ».

Tugaruke mu *Itangiriro 3 :16* umugore n'umugabo bamaze gukora icyaha, Imana yabahaye ibihano bazabana nabyo kugeza tuvuye muri iy' isi y' icyaha. « Imana ibwira uwo mugore iti : « kugwiza nzagwiza cyane umubabaro wawe ufite inda, uzajya ubyara ubabara ; kwifuza kwawe kuzaherera ku mugabo wawe, nawe AZAGUTWARA »

Aya masomo yombi yo mu Itangiriro yerekanye inshingano y'umugore n'umugabo. Umugore nk'Umufasha w'umugabo, n'umugabo nk'Umutware w'umugore. Naganiriye n'urnuntu umwe kuri iyi ngingo, arambwira ati : muri Yesu nta mugabo nta mugore ibyo nibyaje kubw'icyaha ; ku bantu b'Imana bari mu mwuka umwe nta kibazo ! Nanjye nti none se ko uvuze ngo ibi by'abagore n'abagabo ni iby'icyaha, umugore yaremwe nkumufasha bari bagakora icyaha? Inshingano ye iri muri gahunda y' lmana. *1 Abakoriruo I4 :37.* Paulo ati « ibi mbandikiye ni itegeko ry'umwami wacu ».

Na none kandi, hariya mu Itangiriro 3 : 16 inshingano yumugabo n'umugore muri iy'isi ya none, ni ziriya nk'uko Imana

yabitegetse; none se ko uvuga ngo ni ibyabaye bamaze gukora icyaha, iyo umugore ari muri Yesu atwite, ntababara ? Abyara ibintu byacitse ! Ntabwo Yesu yabakuraho gutwarwa n'abagabo gusa byo bitanababaza, ngo adusigire umubabaro w'inda no kubyara ubabara. Si gahunda y'ibyaha rero, ahubwo Imana yabihanze kuva mu irema ngo bibe bityo.

Reka twongere turebe icyo Bibiliya ikomeza kuvuga ku nshingano y'umugabo n'umugore :

- *I Petero 3:11* ngo « Bagore mugandukire abagabo banyu ... »
- *Abefeso 5:25* ngo « Bagabo, mukunde abagore banyu ... »
- *I Petero 3 :5,6* ngo »Abagore ba kera biringiraga Imana, niko birimbishaga bagandukira abagabo babo, nk'uko SARA yumviraga Aburahamu akamwita UMUTWARE WE. Namwe muri abana b'uwo, niba mukora neza, ntimugire ubwoba bubahahamura »

Barashimwa cyane abagore bamwe muri iki gihe bakora neza nk'uko ijambo ry'Imana rivuga, iyo muhuye ushaka umugabo we kandi nta we uri imuhira, arakubwira ati umutware wanjye ntawe uriyo. N'abagabo nabo bazi ko abagore bacu ari abafasha bacu, babakunde. Ubwo se nitunyuranya n'Ibyanditswe Byera, abagore tukabagira abatware cyangwa abakuru b' itorero bizaba bidacitse ? Ijambo ry'Imana rivuga ko itorero ritangirira i muhira mu rugo iwacu. Reka tube kandi tunyurwe mu mwanya wacu Imana yadushyizemo, kuko aribyo bikwiriye abantu b'Imana. Guca bugufi nibyo bikwiriye buri wese ushaka Imana.

*Abefeso 5 :22-24* ngo » Bagore, mugandukire abagabo banyu, nk'uko mugandukira umwami wacu ; kuko umugabo ari we mutwe w'umugore, nk'uko Kristo ari umutwe w' itorero, niryo mubiri we ni na we mukiza waryo. Ariko nk'uko itorero rigandukira Kristo, abe ariko abagore bagandukira abagabo babo muri byose ». Aha turahabona igereranya ritangwa n' Ibyanditswe Byera kandi twizera :

Umugabo : umutwe w'umugore = Kristo : umutwe w'itorero

Nkuko ubuhanuzi buvuga, umugore agereranya itorero, umugabo mwiza akagereranya Kristo. Umugore naba akuriye umugabo mu itorero (Elder of Church) ubusobanuro bwa Bibiliya bw'umugabo n'umugore buraba bucuritse. Ni ruto ni ruto usange Bibiliya turayihindura uko tubyumva, no ku bandi niko byagiye biza. Mu *1 Abakorinto 11 :10* ngo « nicyo gituma umugore akwiriye kwambara ku mutwe ikimenyetso cyo gutwarwa, kubw'abamarayika"».

Mu gitabo cyitwa women in the church (umugore mu itorero) umwe mu bayobozi bakuru b'itorero ryacu mu nteko nkuru rusange (general conferance) **Dr. Samuele Bacchiocchi** yaravuze ati : « Ibyanditswe byera bivuga ko uko inshingano z'umugabo n'umugore ziri mu rugo, ariko bigomba kumera no mu itorero. Umurimo w'umukuru w'itorero cyangwa umupasitoro uvugwa mu Byanditswe byera nk'umurimo wa Papa w'umuryango w'Imana » mu giswayire bati : « MUZEHE WA KANISA SI BIBI WA KANISA ».

Dr. Bacchiocchi arakomeza ati « Ibyanditswe byera bivuga ko umugore akwire gukora umurimo w'Imana mu guhanura, ubutabazi, mu byiciro rusange mu itorero, ariko ngo uko ibyanditswe bitemeye ko umugore aba umutambyi mu isezerano rya kera, niko bitemera ko umugore aba umukuru w' itorero cyanga umupasitoro mu isezerano rishya ».

Bantu b'Imana tube maso duhagarare ku byanditswe byera: ubutambyi, ubukuru bw'itorero cyangwa ubupasitoro ni umwihariko w'abagabo kuko aribo bahawe ubwo burenganzira gusa (droit) cyangwa se uwo murage. Hari ibyo bitaga droit d'aînesse ( umurage, uburenganzira bw'umwana w'imfura). Esawu yaburangayeho arabugurisha bimuviramo kwangwa n'Uwiteka. Sinzi natwe niba ariho twerekeza !

Reka twifashishe ururimi rw'icyongereza tugaragaza umugore uwo ariwe:

Women : Umugore

Wo : kituzuye

Men: Umuntu

Women : Umunyantege nke.

Noneho turebe aho iby' Abavuga icyongereza bihuriye na Bibiliya : 1 *Peter0 3:7* ngo « Namwe bagabo n’uko ; mubane n'abagore banyu, mwerekane ubwenge mu byo mubagirira, KUKO BAMEZE NK'INZABYA ZIDAHWANIJE NAMWE GUKOMERA; kandi mububahe, nk'abaraganwa namwe ubuntu bw'Ubugingo kugira ngo amasengesho yanyu ye kugira inkomyi. « Agakiza si ak'abagabo gusa, ni aka buri wese uri mu mwanya we.

Nanone bantu b'Imana dukwiriye gushishoza, cyane cyane iyo hatangiye kuza ibintu bishya tutabona mu Byanditswe byera. Dore amakuru twabonye muri Raporo ya Archbishop wa Komisiyo y'ubumwe bw'amadini no gushyira umugore mu bwepisikopi y'i Canterbury:

Mu ibarwa yandikiwe i Lambeth Palace London SE17JU, kuwa 06/ Kanama / 1988 Bishop umwe w'itorero ry' Abangirikani yandikiye Papa Yahana Paul wa II amushimira ibaruwa yabandikiye abasaba ko mu nama bagira bakwiye kwemeza ko abagore bakwiye guhabwa inshingano z'ubwepisikopi mu matorero yabo. Nanone kandi ku wa 08/ Ukuboza /1988, i Vatikani, Papa Yohana Paul wa II ubwe yandika indi baruwa abashimira ko bakiriye igitekerezo yabahaye. None bene Data, Papa yatanze igitekerezo cyo gushyira abagore mu nshingano z'ubwepisikopi, mbese Abadivantisti nibo babaye mu b'imbere gushyira mu bikorwa?

Umuntu umwe twaraganiriye ati : nonese ko hari ingo zimwe ziba zidafite umugabo cyangwa nubwo yaba ahari akaba ntacyo arumariye, yibereye aho gusa ntacyo amaze; umugore ari we wirukanka akubita hirya no hino aruhira urugo, cyangwa ari na we ukuriye uwo muryango, umugore nk'uwo ushoboye ibyo ntiyaba umukuru w'itorero? Niba urwo rugo nta mugabo urimo byabaye kubw'ingorane zigwira umuntu, na none niba arimo ariko ntacyo amaze izo nazo ni ingorane muri urwo rugo; nonese ibyo bimeze bityo kubw'ingorane, tuzizane mu itorero?

Undi nawe ati : nonese umugore witwa Debora ntiyari umucamanza akaba n'umuhanuzi mu gihe cy' Abasirayeri? Ibyo niko byabaye, ariko ni za ngorane tumaze kuvuga haruguru zari zagwiriye Abisirayeri kuko bari baraguye ; abagabo babo barabaye ibigwari. Sinzi niba warasomye neza impamvu Debora yahagurutse nk'umucarnanza : *Abacamanza 5 :7,8* ngo « Abatware b'abasirayeri bari baracitse intege kugeza ubwo njyewe Debora nahagurutse, mpaguruka ndi umubyeyi w' Abasirayeri bishakira imana nshya ; intambara ziherako zugariza amarembo yabo. Nta ngabo haba n'icumu byari bikiboneka mu nzovu enye z' Abisirayeri »

Urabona ko nk'uko Debora abyivugira, yahagurutse mu gihe ba nyirubutware bari baracitse intege, baraguye. Ni uko rero, abagore baba abakuru b'umukumbi w'Imana (itorero) aho abagabo bene ubwo burenganzira batari cyangwa babaye ibigwari batagishoboye iyo nshingano bahawe. Si aho gusa abagore bategetse byacitse: iyo dusomye muri Yesaya 3 : 12 ngo " Ubwoko bwanjye burarenganywa n'abana, kandi burategekwa n'abagore. Nyamuna bwoko bwanjye, abakuyobora barakuyobya bakarimbura inzira unyuramo ». Aha baravuga iby'amakuba yari yaguye mu bisirayeri.

Uwiteka arababazwa nuko ubwoko bwe burenganywa n'abana bugategekwa n'abagore. Bana b'Imana turabe maso tutazava mu byanditswe byera twibwira ngo ni amajyambere. Amajyambere ni uko buri muntu yivugurura agakorera Imana neza mu mwanya we. Ellen G. White ntiyari umukuru w'itorero, ahubwo yari umuhanuzi wicishije bugufi n'umujyanama mu itorero ry' Imana. Burya abo ni akabarore ku ba none.

Uwo muntu twaganiraga, nanjye naramubajije nti : ese kuki igihe isi ishyize imbere abagore, ariho n'itorero ryibutse ko abagore bacu baribera abakuru ? Aransubiza ati : byahanuwe n'umuhanuzi Yoweli ngo « muri iyo munsi y'imperuka, nzasuka umwuka wanjye ku bahungu n'abakobwa bahanure ... ».

Ntekereza ko iyo mpamvu atari yo, kuko ntabwo Yoweli yavuzeko Uwiteka nasuka umwuka we ku bahungu n'abakobwa,

abagore bazaba babonye bwa burenganzira twavuze bwo kuba abakuru b'itorero; ahubwo ngo bazahanura. Ikindi kandi iyo minsi y'imperuka. Si iyi ya none gusa, kuko Yesu akimara kujya mu ijuru, abagabo n'abagore twabonye buzuye umwuka binjira mu murimo mu mbaraga ikomeye, abantu bibaza uko bibaye, maze Petero abasubiza mu Byakozwe n'intumwa 2: 16-18 ko basohoreweho n'ubuhanuzi bwa Yoweli; ariko ntibabonye ko ari igihe cyo gukora ibidasanzwe muri Bibiliya.

Ntekereza ko aho batoye abakuru b'itorero b'abagore, batabeza; kuko bitabashobokera; no mu magambo ya Bibiliya babasomera, ntibabona uko bongeramo ngo umukuru w'itorero akwiye kuba umugore w'umugabo umwe kandi bitarimo. Ariko se twibaze iki : ubukuru bw'itorero ni inshingano yera, none umuntu azafata iyo nshingano atejejwe abandi bakorana bejejwe, ubwose aba ari umukuru w'itorero wuzuye? Aho ntibizaba nk'ibyo kwa Kositantino ku mubatizo wo kugahanga maze no kweza abakuru b' itorero bikavaho cyangwa se bakabeza bose ngo byose kuri hose. Nyabuna turabe maso kuko nta handi itorero ry'Imana rigomba guhungira igihe hari ibidasanzwe mu itorero keretse mu Byanditswe byera gusa.

Abagore ni abahamya ba Kristo : igihe Yesu yazukaga, mu gitondo cya kare umugore Mariya niwe wabaye uwa mbere kumenya iyo nkuru kuko yari yazindukiye ku gituro. Nuko Marayika yahasanze amuha inshingano yo kujya kubwira abandi inkuru ya Yesu, ko yazutse. Ngiyo inshingano Yesu yaraze abagore bamukunda ngo bajye kumuhamya hose.

**BABYEYI MURABE MASO !**

« Nabonye ko umugore akenshi hari ibyo atubahiriza. Ntabwo akoresha imbaraga zihagije kugira ngo yiyobore kandi azanire amahoro mu muryango. Akenshi aba arakaye kandi yivovota. Umugabo yataha, agasanga yijimye, aho kumwakiriza amagambo meza asubiza intege mu bugingo. Kenshi ibyo bica intege umugabo, bigatuma adakunda umuryango we. Umugabo ni umutware w'umuryango nk'uko Kristo ari umutware w'itorero; niyo mpamvu

niba umugore yitwaye atyo, aba atesha umugabo we umwanya we w'ububasha n'icyubahiro, kandi ntibinezeza Imana. Ni inshingano y'umugore gushyira ibyifuzo bye n'ubushake bwe mu bw'umugabo. Bose bagomba kumvikana, ariko ijambo ry'Imana riha umugabo uburenganzira bwo gufata icyemezo. Umugabo azakorneza ububasha bwe mu muryango yoroheje kandi ashikamye.» ***Ibihamya by'itorero, vol. II.P.118.***

Ellen White aragira inama abagore bumvira, ati: « sinsaba umugore ko aharanira gutorwa cyangwa kuba umufonkisiyoneri; ahubwo nashake kuba umubwirizabutumwa yigisha ukuri, atanga udutabo duto turimo ukuri kw'iki gihe.» ***Urwibutso n'integuza, 19/12/1878.***

Kuba abagore b'iki gihe baharanira cyane nabo gushaka ubuzima muri iyi minsi y'imperuka, biteje akaga; niba utakabona, uzakabona ! ibibazo by'iminsi y'imperuka byatumye abagore nabo bishakira ubuzima bwabo atari uko adafite umurwanaho ( umupfakazi cyangwa uwibana ), ahubwo kuko nawe agomba kugira icyo ageraho ku giti cye ! ibi biteje akaga, niba utakabona uzakabona ! Nko mu bihugu byitwa ko byateye imbere cyane by'Uburaya, umugore ni we ufite ijambo kurusha umugabo ! kubwo kwishakira buri muntu ku giti cye na we ibye, usanga ubumwe Imana yageneye umugabo n'umugore bwarazimiye ! Umugabo yireba n'umugore yireba ku giti cye nta byo kuzuzanya mu nshingano bari umwe nk'uko Imana yabiteganyije ! Ibyo biterwa no kuba buri wese ngo agomba gushaka umutungo we!

Mu Itangiriro 3:17-19: umugabo ni we wagenewe gututubikanira urugo. None ubu umugore araca aha n'umugabo agaca aha, bahurira i muhira nimugoroba ugasanga bose batagangaye ntawe ushobora guhumuriza undi, ahubwo umwe yavuga undi akamusubiza asa n'utamwitayeho kuko yihagije ntacyo amukeneyeho ! Nyamara bari bakwiye gukenerana bakuzuzanya. Niyo mpamvu ku banyantege nke mu by'umwuka bo usanga urukundo rwakagombye kubahuza nk'umuntu umwe ari ruke cyane, uko abanye n'uyu bari umwe ari ko yabana n'uriya wundi. Nta kimumuhambiriyeho. Iyo umwe atavuganye neza n'undi gato buri umwe wese asubiza undi ati: rnfite

ayanjye nawe ukagira ayawe tutanabanye nakwitunga. Bityo bakabana badakundana.

Iki kibazo gikomeye abantu batitayeho muri iki gihe giteje ingorane nyinshi zitazabura kugira ingaruka niba hadafashwe ingamba: iyo umugabo agiye n'umugore akagenda, urugo rurimo abana barusigira nde ?

" Abana banyu ni umutungo w'Imana yaguze igiciro gikomeye; barebe wirore, babyeyi mugomba kubitaho gikristo." ***Urwandiko rwa E.G. White, 126/1897.***

"Ababyeyi batigeze bita ku nshingano ikomeye Imana yabahaye, bazahura n'ako gasuzuguro mu rubanza. Imana izababaza ikibazo gikomeye ngo: abana naguhaye ngo underere barihe ? Kuki batari iburyo bwanjye? Ababyeyi benshi bazabona ugukerensa kwabo muri uwo murimo maze bibatere gukorwa n'isoni." ***Ibihamya, vol. 4. p. 424.***

Kuri iki kibazo cy'uburezi abagore bagifiteho umwihariko: " Ababyeyi b'abagore bakwiye guhagarara bashikamye nk'abarezi b'ibanze b'abana babo. Ibibero by'umubyeyi niyo ntebe y'umwana, naho ikibaho yandikaho ni mu maso ye. Ababyeyi uko barushaho kwirengagiza abana babo cyane cyane mu myaka yabo ya mbere, baba bababuza kunezerwa no gukorana nabo, bigatuma badakurana ibitekerezo bya kigabo." ***Ikinyamakuru cy 'ubuzima, E.G. White, 01/1890.***

"Ba nyina b'abana nibo bashinzwe uburere bw'ibanze bw'abana babo, si ba se. Babyeyi mutoze abana banyu bakiri bato ikinyabupfura, imyaka itatu ibanza ni igihe umwana akwiye kwitabwaho cyane mu burezi. Ba nyina bakwiriye kuba intekerezo z'abana babo. Ba nyina b'abana basobanukirwe uko bakwiriye kubyifatamo kubw'icyo gihe cy'ubuhinja. Aho niho umusingi uri." ***Urwandiko rwa E.G. White, 64/1899.***

"Abifite barashakira umuti w'icyo kibazo cy'uburezi mu kureresha abana babo kuva bakiri impinja mu bigo by'abanyabwenge

bikorera amafaranga mu cyimbo cyo gutanga umucyo uhagije w'uburezi nyakuri. Bagatorezwamo imico ijyanye n'ibyifuzo by'umushukanyi, bitajyanye n'ibyo Imana ishakira abana bayo. Imana yifuje yuko uburere nyakuri bwatangwa n'ababyeyi kuva umwana akiva mu nda ya nyina kugeza amaze imyaka umunani." ***Inama zigirwa itorero, vol. 2. p. 57.***

Bamwe baravuga bati: none se igihe ariwe ufite uburyo ? Burya rero ibintu bipfa mbere cyangwa se byapfuye mbere: Imana ihera ku bushake dufite cyangwa ku byemezo dufata maze ikadusohoreza amasezerano nk'uko yayatanze kuva kera. Mbese mwashakanye ku wuhe mugambi ? Mbese wa mugabo we wibwiraga ko umugore wawe ariwe uzagutunga ? Umugambi ukurimo niwo Imana iheraho isohoza isezerano cyangwa ikwihorera. Kubwo kutumvira kw'abantu, Imana igeraho ikabareka ntibabe bakiri mu masezerano. *Abaroma 1:24,31.* None ngo ni ko bimeze ! Si gahunda y'Imana.

Nubwo umugore yarusha umugabo ubushobozi cyangwa bombi bajyana gushaka imibereho ngo bunganirane cyangwa biteganyirize, ibyo si ubushake bw'Imana. Hari ibintu tubamo bikajya mu mucyo wacu tukibwira ko nta kibazo ko ari uko bimeze; ariko kuko icyaha cyatujyanye kure y'ubushake bw'Imana natwe ntidushake kuvayo, Imana iratureka ngo tube mu byo twibwira bidakwiye : *Abaroma 1 :18-32.* Maze ugasanga abana nta burere bafite bw'iby'umwuka basigaye bigira ku birara byo hanze aha ! Abana barazahaye, ubuzima bubi ! Nyabuna marafate ibyemezo ibintu birakomeye !

## « UMUGABO W'UMUNYABWENGE »

« Umugabo yagombye gukinga satani ingabo yo kwizera ; ariko ahubwo usanga atamenya neza ibyamufasha ndetse bikunganira n'umugore we. Usanga amufata nabi atazirikana ko arimo gusenya umunezero we n'uw'umuryango we wose. Umugore we agacika intege, Icyizere n'umwete we byarigendeye, maze agakora imirimo ya

buri munsi nk'imashini kuko ari ngombwa. Ubutwari n'umwete birakenewe mu . bo mu rugo bose. Hari imiryango myinshi y' Abadivantiste iteye agahinda. Icyo abamalaika bayandikaho ni amakuru y'urukozasoni.

Papa w'umuryango akwiriye kugaragaza ko yitaye ku rugo cyane, maze akereka by'umwihariko umugore we ko amukunda cyane iyo ari umunyantege nke. lbyo bizakumira indwara nyinshi mu buzima bwabo kuko amagambo yoroheje yuzuye urukundo kandi atera inkunga, arusha imbaraga imiti ihanitse yo mu isi. Yongera imbaraga umutima ucitse intege n'umunezero ukamurikira umuryango wose bikawutera imbaraga biturutse ku buryo umugabo yagaragaje urukundo mu magambo no mu bikorwa.

Umugabo akwiriye kwibuka ko uruhare rukomeye rw'umutwaro wo kurera abana ari urw'umugore kuko ari we ubana nabo mu ikorwa ry' imico yabo. icyo gitekerezo kizatuma aba umugwaneza maze gitume akora icyo ashoboye cyose kugira ngo yoroshye uwo mutwaro. Agomba kumufasha kwisunga no kwerekeza ibitekerezo bye mu ijuru kuko ari ho haturuka imbaraga, amahoro n'uburuhukiro bw'imitima inaniwe. Ntakwiye gutaha iwe yijimye mu maso n'amaganya, ahubwo gutaha kwe kumurikire umuryango, maze bitume umugore we areba mu ijuru, ashyira ibyiringiro bye mu Mana. Nibashyira hamwe, bazasaba imigisha y'Imana maze ihire umuryango wabo; mu gihe amaganya, kwinangira n'uburakari byirukana Yesu mu rugo. Nabonye ko abamalaika b' Imana badashobora kuguma ahumvikana amagambo mabi n'urusaku rw'imivurungano." ***Ibihamya, Vol.1, p. 116.***

## "UMUGORE W'UMUTIMA"

"Nabonye ko umugore nawe afite ingorane. Ntabwo akora uko ashoboye ngo abe umuyobozi we ku giti cye, maze amahoro aganze mu rugo. Akenshi aba ashaririye n'amaganya y'ubusa. Umugabo ava mu kazi ananiwe yiruhutsa maze agasanga ishusho yijimye mu mwanya w'amagambo y'urukundo asubiza intege mu bugingo.

Nk'umuntu w'umunyantege nke, urukundo rwe akarukura k'umugore we ntabe acyitaye ku muryango we, ubuzima bwe bukijima maze agacika intege. Ntabe acyiyitayeho, ngo akomeze icyubahiro Imana ishaka kumubonana. Umugabo ni umutware w'umuryango nkuko Kristo ari umutware w'itorero; niba umugore agenje atyo akangiza imbaraga ze aba amutesheje umwanya w'ubuyobozi n'icyubahiro kandi bibabaza Imana. Ni inshingano y'umugore gushyira ibyifuzo bye n'ubushake bwe mu by'umugabo we. Bombi bakwiye kumvikana, ariko ijambo ry'Imana riha ububasha icyemezo cy'umugabo. Kandi ntabwo bizatesha umugore agaciro kuba ahariye uwo yihitiyemo nk'umujyanama n'umurinzi we.

Umugabo azakomeza ubushake bwe mu muryango we yiyoroheje kandi ashikamye. Bambajije iki kibazo : " Mbese nkwiriye gukomeza kwifata kandi hari ibindemereye bimbangamiye ?" Neretswe ko dukwiriye kwita ku kugenzura imitima yacu maze tukiyitaho twitonze. Tugerageze kumenya aho intege nke zacu ziri, twigenzure tudahuga kuri iyi ngingo. Ntitukabure kwisuzuma ubwacu : "Umuntu wese udacumura mu byo avuga, aba ari umuntu utunganye rwose; yabasha no gutegeka umubiri we wose." Yakobo 3:2.

Umucyo umurikira inzira yacu ukuri kuyobora umutimanama wacu bizashinja maze birimbure ubugingo cyangwa se buzabweza maze bibuhindure. Twegereje imperuka y'igihe cy'ubuntu ntidukwiriye kwishimira ibitagira umumaro. Imbaraga twakomeje kwishimira kugeza ubu, ntabwo zihagije ngo zizadufashe ejo hazaza, Kwizera kwacu gukwiriye gukura ubudasiba, kugira ngo twegere Kristo mu nyifato yacu, tugume mu byimbo ngo dukomeze gutsinda ibishuko by'umwanzi. Ubuntu bw'Imana burahagije kugira ngo umwigishwa wese wa Kristo abuboneho." ***Ibihamya by'itorero, Vol .1, p. 116-119.***

## "IBITERO BYA SATAN KU MURYANGO"

« Ijambo Ryose ry'uburakari, ridashimishije, ry'ubuhubutsi cyangwa riteza agahinda ni ituro tuba dushyize ku gicaniro cy'igikomangoma satani. Kandi ni ituro rifite imbaraga, imbaraga zirenze iz' ibitambo dushobora guha Imana kuko risenya amahoro n'umunezero by'umuryango wose; ryangiza ubuzima kandi rishobora no kubuza ubugingo n 'umunezero by'iteka ryose. » ***Ibihamya, vol. 1, p. 121..***

"Abo dukunda bashobora kuvuga cyangwa bagakora batabizi ibidukomeretsa bikomeye. Si bo baba babishaka, ahubwo ni satani utubura ayo magambo n'ibyo bikorwa byabo : uwo ni umwambi we uba utwinjiyemo. Maze tukihagararaho dushaka guhangana n'udukornerekeje maze ibyo bigaca icyuho cy'ibitero by'umwanzi. Aho gusaba Imana ngo iduhe imbaraga zo guhangana na satani, tukababazwa cyane nuko icyubahiro cyacu gipfobejwe, tuvuga ibyo twita "uburenganzira bwacu", ubwo rero tuba duharuriye inzira satani. Dukwiriye kwihangana bikomeye hagati y'umwijima ubuditse, dukeneye kwizera no kwihangana kugira ngo ubushake bwacu bugume mu bw' Imana. Ducika intege vuba dusaba Imana ko yadukuraho ikigeragezo, kandi twagombaga kwinginga Data wo mu ijuru ngo atwongerere kwihangana n'imbaraga zo gutsinda." ***Ibihamya, vol. 1., p. 119, 121..***

## "UBURINGANIRE BW'UMUGABO N'UMUGORE''

"Kuba umugore yaranze gukurikiza gahunda y'Imana mu gihe cy'irema, umuhati agira ngo afate imyanya y'ingenzi adashoboye, byateye icyuho mu yo yari yagenewe. Kuva mu mwanya we, umugore abura icyubahiro cye nyakuri n'ishema rimukwiriye. Igihe Imana yaremaga Eva ntiyashatse ko aba uwo hasi cyangwa uwo hejuru y'umugabo, ahubwo ngo bangane rwose. Uwo muryango wera ntiwagombaga kugira ibyo urarikira hanze yawo;

ariko buri umwe wese yari afite kamere ye mu bitekerezo no mu bikorwa.

Nuko nyuma y'icyaha cya Eva Imana imubwira ko Adamu azamutwara kuko ariwe wabanje gukora icyaha. Yagombaga kwisunga umugabo we: icyo ni kimwe mu mivumo yahawe." ***Ibihamya, vol. 1, p. 473.***

## "UMUGABANE W'UMUGORE"

"Icyaha cyo muri iki gihe ni ugukerensa amabwiriza asobanutse y'lmana. Imbaraga yerekeza abantu ahantu habi irakomeye cyane. Eva yari aguwe neza muri Edeni ari iruhande rw'umugabo we, ariko nka ba Eva bo muri iki gihe bahora babuze amahoro, yifuje kugera mu mwanya usumbye uwo Imana yari yaramugeneye. Mu kugerageza kwishyira mu mwanya uri hejuru y'uwo yahawe nibwo yaguye hasi cyane. Niko bizagendekera abagore bo muri iki gihe cyacu nibasuzugura imirimo yo muri ubu buzima bwa buri munsi nkuko Imana ibibashakira.

Umurimo w'abagore ufite agaciro cyane, urenze kure inshingano y'umwami uri ku ngoma ye. Bashobora gutunganya intekerezo no gukora imico y'abana babo kugira ngo bazabe ingirakamaro mur'iy'isi, abakobwa n'abahungu b'Imana. Igihe cyabo ni icy'agaciro kenshi cyane, si icyo gupfusha ubusa bibyinira, bakora ubusa. Hari byinshi by'ingenzi byo gukora mur'iy'isi y'ubuhanya n'agahinda, aho kumara igihe cyacu gihenze mu kwisukura na za mode n'ubupfu bwinshi bitwara intekerezo z'abagore muri iyi minsi. Mu kuri nk'abakobwa b'Imana, tugomba kugira uruhare muri kamere y'Imana." ***Ibihamya, Vol. 1, p. 472.***

## "ABAGORE BATUMVA"

"Neretswe ababwirizabutumwa bakora hirya no hino bajya hafi na kure bakiza imitima , Birukana abadayimoni mu mihana myinshi, Nyamara nongeye kwerekwa imiryango yabo.Ubwo abagore babo bari batitaye ku masengesho y'i muhira igihe abagabo babo bagiye ku murimo ngo babasabira nabo bihe Imana. Abadayimoni birukanwa n'abagabo babo bagiye muri abo bagore barangaye ku nshingano yabo. » *E.G. WHITE ( S.D.A.B.C.) p.142.*

"Nabonye ababwirizabutumwa baftte abagore badategereje kugaruka kwa Yesu baguye ku rugamba. Intekerezo zabo zapfiriye mu mafuti yabo, ntibacyemera kugirwa inama, ibyigenge ku mwuka no ku bantu. Abamarayika bajya kubashyiraho ikimenyetso bagashidikanya. Mbega ngo baratera agahinda ! Bigeze aho mbona abagabo babo bari biteguye ariko bari bafite amaganya mu mitima yabo bagira abagore babo inama yo gukira. Abo bapfu bakoranaga umugayo, bishe itegeko ryo kwirinda bari abantu banga gucyahwa, batajya mu rwiherero, ntibasabiraga abagabo babo, n'abantu bose; Kandi ntibafataga ukuri mu mitima yabo mu gihe cy'ibyago mbona bifashe mu gahanga batonze umurongo ibyo bananiwe gukora bifuzaga kubikora umwanya utakiriho. Ntacyambabaje nko gusuzugura abagabo babo nk'uko bivugwa. ***Abefeso 5:22-23; 1 Abakorinto 6:14.***

Abagore bejejwe bagomba kwitandukanya n'inshuti zabo zanduye, inseko za moderi, imyambarire, ibibarangaza. Gusenga, gukunda kujya mu rwiherero, kubaha abagabo babo, kwemera kugirwa inama, abakomeza izi ngingo nibo bazatsinda urugamba ruheruka. Birakomeye ! Ngiye kubona mbona akandi gatsiko k'abagore bafite abana babo birirwaga barya umunsi ukira bajyaga bica gahunda, abagabo badahari. Abagabo babo barababwiraga hakaba intambara y'urudaca. Neretswe ko hakenewe umurimo. Imibereho yari yaragenzuwe ubuheruka, bari indangazi ku mibereho yabanyujijwe imbere. Ariko abagabo babo nubwo batabigaragaza bazi ko badafatanije n'abagore babo; ari abapfakazi imbere y'Imana!

**** ****